

IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA GATANU TARIKI YA 25 MUTARAMA 2013

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y' Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa gatanu tariki ya 25/01/2013, iyobowe na Perezida wayo Bwana Innocent MUNYANEZA.

Imirimo y'inama yagombaga gutangira saa tatu (9h00) ariko yatangiye saa tatu n'iminota mirongo ine (9h40) bitewe na corrum itari yakuzuye,

Perezida atangiza inama yibukije ko Umujyanama usinye akagenda atuma inama idatangirira igihe.

Ku murongo w'ibyigwa hari hateganijwe ingingo zikurikira

1. Kwakira ibibazo Abajyanama batumwe n'abaturage;
2. Kwemeza inyandikomvugo z'inama; isanzwe yo kuwa 26/10/2012 n'idasanze yo kuwa 7/12/2013;
3. Gusuzuma raporo y'ibikorwa by'igihembwe cya kabiri 2012-2013;
4. Kwiga no kwemeza igishushanyombonera cy'umujyi wa Kiramuruzi;
5. Kwemeza tarif y'imisoro 2013;
6. Gusuzuma ikoresha ry'ingengo y'imari n'ivugururwa ryayo;
7. Kwemeza kwimura abaturage kubera inyugu rusange;
8. Kwemeza Services Charters;
9. Gusuzuma raporo y'ubugenzuzi bw'Imari (internal Audit report);
10. Gusuzuma raporo z'amakomisiyo na raporo y'Inama y'Abaperezida;
11. Gusuzuma amadosiye ya bamwe mu bakozi;
12. AOB (Divers).

1.KWAKIRA IBIBAZO ABAJYANAMA BATUMWE N'ABATURAGE;

Bimaze kuba umuco ko mu nama zisanze z'Inama Njyanama, Abajyanama babanza gutanga ibibazo batumwe n'abaturage;

1.1 Inama Njyanama yakiriye ibibazo byatanze n'Abajyanama bari ku rutonde rw'abasaba ijamba,

1.2 Inama Njyanama yasabye Umujyanama NKURANYABAHIZI Eugène uhagarariye y'Umurenge wa Gatsibo ko bazandikira Komite Nyobozi izageza icyifuzo cyabo ku Nama Njyanama y'Akarere ku birebana no guhinduranya Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari naho kutaboneka kwa Perezida w'Inama Njyanama basabwe kuzakurikiza icyo amategeko ateganywa

1.3 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ibibazo byatanzwe hamwe n'ibyatanzwe muj nama yo kuwa 7.12.2012 bitatangiwe raporo ku buryo byakemutse;

1.4 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwita cyane ku bibazo bijyanye n' ibikorwa remezo bihora bigaruka;

2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Z' INAMA

2.1 Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y' inama isanzwe yo kuwa 26.12. 2012;

2.2 Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y' inama idasanzwe yo kuwa 07/12/2012 imaze kuyikorera ubugororangingo kuri lisiti y'Abajyanama bitabiriye inama, ahagaragara ko Umujyanama NIYOMUGABO Romalis yanditse mu basibye badafite impamvu, akagaragaza ko yabimenyesheje Perezida w'Inama Njyanama;

3. KWIGA NO KWEMEZA IGISHUSHANYOMBONERA CY'UMUJYI WA

KIRAMURUZI.

Inama Njyanama yanyuzwe n'ikiganiro yagejejweho n'umuhanga Bwana SYAKA SADIO watanzwe na Rwanda Housing Authority (RHA), ku miterere y'igishushanyombonera cy'umujyi wa Kiramuruzi n'ibisubizo byahawe Abajyanama ku bibazo babajije,

3.1 Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye, yemeje igishushanyombonera cy'umujyi wa Kiramuruzi nkuko bacyeretswe;

3.2 Inama Njyanama yemeje ko umujyi wa Kiramuruzi uzagurwa mu byiciro bitatu biteye kuri ubu buryo:

Kuva mu mwaka wa 2012 kugeza muri 2017 ni mu Kagari ka Gakenke mu Murenge wa Kiramuruzi no mu Kagari ka Rubona ko mu Murenge wa Kiziguro;

Kuva mu mwaka wa 2017 kugeza muri 2022 ni mu Tugari twa Nyabisindu na Gakoni two mu Murenge wa Kiramuruzi;

Kuva mu mwaka wa 2022 kugeza muri 2027 ni mu Tugari twa Akabuga, Akabare na Nyabisindu

4. GUSUZUMA RAPORO Y'IBIKORWA BY'IGIHEMBWE CYA KABIRI 2012-2013;

Mw'izina rya Komite Nyobozi, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze ubukungu, Umujyanama HABARUREMA Isaïe, yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa by'igihembwe cya kabiri 2012-2013 mu Karere bikubiye mu byiciro bibiri (2): ibikorwa bijyanye n'imihigo yahizwe n'ibindi byateganyijwe gukorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari.

Nyuma yo kugezwaho raporo no kumva ibisobanuro byatanzwe ku bibazo byabajijwe n'Abajyanama,

4.1 Inama Njyanama yakiriye raporo y'ibikorwa by'Akarere mu mwaka wa 2012-2013;

4.2 Inama yasabye Komite Nyobozi ko izakurikiza inama bagiriwe kugirango bashobore kuzesa imihigo bahize kandi bagere ku bindi bikorwa byateganijwe;

4.3 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kuzajya yibuka gutanga raporo mbere kugirango Abajyanama bajye bashobora kuyisuzuma mbere yo gusabwa kuyemeza.

5. KWEMEZA TARIF Y'IMISORO 2013;

Ibisobanuro kw'ivugurura rya tarif y'imisoro byatanzwe n' Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu HABARUREMA Isaïe afatanije na Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'Ubukungu Umujyanama BIZIMANA Léonidas, bakaba barashingiye kw'itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikagena imikoreshereze yayo, bashingiye kandi kw'iteka rya Perezida wa Repubulika N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro asa n'imisoro yakwa n'Uturere.

5.1 Inama Njyanama ku bwumvikane busesuye yemeje tarif y'imisoro 2013, usibye imisoro ku bikode bw' ubutaka yasabiwe gusubirwamo.

5.2 Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukora proposo y'imisoro ku bukode bw' ubutaka izageza ku Nama Njyanama bitarenze icyumweru, kandi ikazakusanya ibijyanye n'ubutaka byose ;

5.3 Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu kuzihutisha igikorwa cyo gusuzuma proposo izatangwa na Komite Nyobozi, kugirango hazagenwe inama idasanzwe yo kuyemeza.

6. GUSUZUMA IKORESHA RY'INGENGO Y'IMARI N'IVUGURURWA RYAYO;

Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu amaze kugaragariza Inama Njyanama ko batakwemeza ivugururwa ry'ingengo y'imari bataremeza ikoreshwa ryayo kubera ko raporo yabagezeho itinze,

6.1 Inama Njyanama yasanze bitabangamiye inteko, yakira icyifuzo cya Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu

6.2 Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'imari izahuzwa no kwemeza imisoro ku bukode bw'ubutaka mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama.

7. KWEMEZA KWIMURA ABATURAGE KUBERA INYUGU RUSANGE;

Kubera ko mu mihigo y'Akarere 2012-2013, hari ibikorwa bisaba kubanza kwimura abaturage, Abajyanama babanje kugaragaza impungenge bibaza aho amafaranga ya expropriation azava kubera ko hari n'ibindi birarane bitarishyurwa, nyuma y'ibisobanuro byatanzwe n' Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu,

7.1 Inama Njyanama yemereye Akarere kwimura abaturage batuye mu Kagari ka Karengye, Umurenge wa Kabarore, ahazubakwa Hoteli y'Akarere;

7.2 Inama Njyanama yemeje ko Akarere kazishyura ingurane y'ahazubakwa hoteli ihwanye n'amafaranga miliyoni mirongo itatu n'eshatu ibihumbi Magana arindwi mirongo itatu na bitanu na makumyabiri n'umunani (33,735,028 FRW);

7.3 Inama Njyanama yemereye Akarere kwimura abaturage batuye mu Kagari ka Bihinga, Umurenge wa Kabarore, aho Plan Rwanda izubaka ishuri ntangarugero;

7.4 Inama Njyanama ko Akarere kazishyura ingurane y'ahazubakwa ishuri ihwanye n'amafaranga miliyoni makumyabiri n'eshatu ibihumbi Magana cyenda n'umunani na magana atatu cumi n'icyenda (23,908,319 FRW).

8. KWEMEZA SERVICES CHARTERS ;

Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro birebana nuko Services Charters yateguwe, imirongo ngenderwaho n' inshingano no kuyikorera ubugororangingo,

8.1 Inama Njyanama yakiriye umushinga wateguwe kuri Services Charters, irawemeza;

8.2 Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko, kuzafatanya n'Akarere bakanoza umushinga wa Services Charters mbere yuko Perezida w'Inama Njyanama awushyiraho umukono.

9. GUSUZUMA RAPORO Y'UBUGENZUZI BW'IMARI

(INTERNAL AUDIT REPORT);

Inama Njyanama yagejejweho kuwa 17/01/2013 gahunda y'ubugenzuzi buteganijwe mu gice cya kabiri cy'umwaka w'ingengo y'imari n'incamake ya raporo y'ubugenzuzi w'imari w'Akarere (Internal Auditor) Bwana Eric MUGABO yakoze afatanije na Komite ya Audit

9.1 Inama Njyanama yemeje ko Action Plan ya Internal Auditor iguma uko iteye, haboneka ibindi byakorwa bitayibangamiye bikazajya byinjizamo kandi bigakorwa hari Unity byifujwemo gusa;

9.2 Inama Njyanama yemeje ko ibikorwa bitateguwe byazajya bisabwa gukorerwa ubugenzuzi, byasabwaga gusa n'inzego zibyemererwa n'amategeko gusa.

10. GUSUZUMA RAPORO Y'AMAKOMISIYO NA RAPORO Y'INAMA Y' ABAPEREZIDA,

Inama Njyanama yemeje imyanzuro yavuye muri raporo z'amakomisiyo n'inama y'Abaperezida

10.1 Raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu,

I. Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere ibi bikurikira:

- a)** Kuvugurura amasezerano bagiranye na Rwiyemezamirimo ufite isoko rya transport, kandi hagakorwa kontaro igendanye n'ingengo y'imari y'umwaka umwe gusa;
- b)** Kudakodesha imodoka zijya mu bikorwa bitarebana n' akazi bwite k' Akarere, (Urugero ubukwe bw'umukozi);
- c)** Kugena abakozi bahabwa itike n'amafaranga ya mission igihe bagiye mu butumwa aho kubakodeshereza;
- d)** Guha agaciro kagezweho amazu y'Akarere akodeshwana ONGs hakurikijwe amasezerano bagiranye n'Akarere;
- e)** Gukurikirana no gutanga amakuru ku mazu 2 ari mu Murenge wa Kiramuruzi, mu Kagari ka Gakoni yabohojwe na Dick Karemera na Nyamvumba;
- f)** Kubahiriza umwanzuro w'Inama Njyanama wasabaga Ubuyobozi bw'Akarere gukora lisiti y'amazu y'Akarere igaragaza agaciro kayo, akazagurishwa hakurikijwe amategeko, amafaranga avuyemo akazinjizwa mu ngengo y'imari;
- g)** Gukora internal audit mu Mirenge yose igize Akarere ka Gatsibo, raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama ku buryo bwihuse;
- h)** Gufatanya na Private Sector Federation (PSF) bakajya bagaragaza urutonde rw'abasora nkuko byari bikubiye mu masezerano bagiranye;
- i)** Gutegura umushinga w'ukuntu umukozi ugiye gukorera mu Mirenge ya kure yabaho na transport yagenerwa abakozi bagiye mu butumwa hanze y'Akarere;

II. Inama yasabye ko Umujyanama ugiye mu butumwa hanze y'Akarere yajya anagenerwa transport yo kuva no gusubira mu Murenge abarizwamo ingana n'amafaranga asanzwe ahabwa iyo aje mu mirimo isanzwe y'Inama Njyanama;

10.2 Raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'umugore,

Urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage

- a) Inama Njyanama yemeje umushinga w'Amabwiriza akena ishyirwaho, imiterere, imikorere n'imirungire y'Ibimina by'Ubwisungane mu kwivuza mu midugudu igize Akarere ka Gatsibo, isaba Umunyamabanga kuzawoherereza Abajyanama kuri e-mail;
- b) Inama Njyanama yasabye ko umushinga w'ibihano byahabwa abatubahiriza isuku uzagezwa ku Bajyanama kugirango bazawutangeho ibitekerezo;
- c) Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere gushyiraho ingamba zihamye zo gucunga imiti muri Farumasi y'Akarere no mu mavuriro;
- d) Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere gukurikirana no gufatira ibihano hakurikijwe amategeko, abarezi bo mu Murenge wa Nyagihanga bagaragaweho imyitwarire mibi aribo: NSENGIYUMVA Adolphe wo ku kigo cya G.S ya Karama na BIZABARIMA Wellars wo ku kigo cya G.S ya Kagera;
- e) Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere gutangiza ku buryo bwihuse clubs z'umuco mu mashuri;
- f) Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro yahawe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza y'Abaturage ku kibazo cy'abana barihirwa na Plan Rwanda, yishimiye ko cyakemutse.
- g) Inama Njyanama yemereye Komisiyo kuzasubukura gahunda ya descente mu Murenge ikennye bacumbitse kubera indi mirimo Abajyanama bayigize bari bafite ku buryo bukurikira: taliki ya 05/02/2013 mu Murenge wa Kageyo; taliki ya 07/02/2013 mu Murenge wa Nyagihanga, taliki ya 12/02/2013 mu Murenge wa Murambi; taliki ya 14/02/2013 mu Murenge wa Kiramuruzi..

10.3 Komisiyo y'Ubuyobozi, Politike n'Amategeko

Hakurikijwe ibyagaragaye muri raporo y'Umurenge wa Nyagihanga yagejejwe ku Nama Njyanama,

- a) Inama Njyanama irasaba Komite Nyobozi y'Akarere kuzajya igeza ku Nama Njyanama, raporo y'umutekano nuko amarondo yubahirizwa buri kwezi;
- b) Inama Njyanama irasaba kandi Ubuyobozi bw'Akarere kumanika ku Biro by'Utugari urutonde rugaragaza ibyiciro abaturage babarizwamo mu budehe kugirango babisobanukirwe neza.

11. GUSUZUMA AMADOSIYE YA BAMWE MU BAKOZI,

Inama Njyanama yagejejweho ikibazo cya Madame UWIMPAYE Alphonsine, umukozi w'Akarere ukorera mu Murenge wa Ngarama, Akagari ka Karambi ushinze Social Economic Development wanditse ahagarika akazi by'agateganyo kandi Komisiyo

y'Abakozi ba Leta yari yaremereye Akarere kumwirukana burundu mu bakozi b'Akarere kubera amakosa y'akazi yakoze,

11. Inama Njyanama yemeje ko ibaruwa ya Madame UWIMPAYE Alphonsine yandikiye Umuyobozi w'Akarere ahagarika akazi by'agateganyo nta gaciro ifite;

11.2 Inama Njyanama yemeje ko Madame UWIMPAYE Alphonsine yirukanwa burundu mu bakozi b'Akarere ka Gatsibo

11.2 Perezida w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama ikibazo cya Bwana MUNYANEZA Benoit, Umuyobozi w'ikigo cya Groupe Scolaire Humure akaba yarasabiwe n'Ubuyobozi bw'Akarere kwirukanwa burundu mu bakozi b'Akarere,

Inama Njyanama yarabisuzumye isanga yarakoze amakosa aremereye agomba guhanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri

Inama Njyanama ishingiyeye ku ngingo ya 122 y'Itegeko N° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta ivuga ko icyemezo cyo kwirukanwa burundu ku kazi gifatwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta hakurikijwe icyemezo cya Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta;

Ishingiyeye ku ibaruwa N° 103/IPEL/13 yo kuwa 14/01/2013 Umunyamabanga nshingwabikorwa wa Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta yandikiye Umuyobozi w'Akarere amumenyesha ko Komisiyo isanga Bwana MUNYANEZA Benoit akwiye kwirukanwa mu bakozi b'Akarere ka Gatsibo;

Imaze kubisuzuma no kubisesengura, Inama Njyanama yemeje ko Bwana MUNYANEZA Benoit yirukanwa burundu mu bakozi b'Akarere.

12. AOB (Divers)


- 12.1** Umujyanama NIYOMUGABO Romalis yamenyesheje Inama Njyanama ko kuwa kabiri tariki ya 29/01/2013 hazizihizwa umunsi w'abafite ubumuga ku rwego rw'Akarere, ukizihirizwa mu Murenge wa Gitoki, aboneraho gutumira abajyanama kugirango bazaze kubashyigikira;
- 12.2** Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imari, Umujyanama HABARUREMA Isaie, yamenyesheje Inama Njyanama gahunda y'umuganda rusange wo mu mpera z'ukwezi, abasaba kuzaza kuwukorana n'abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite bazaza kwifatanya n'Abaturage mu Murenge wa Kabarore.

Umwanditsi w'inama



YANKURIJE Marie Goretti
Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama


Innocent MUNYANEZA
Perezida w'Inama Njyanama